IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE N^{o} 24, KIGENEWE

ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA GATATU KANAMA (21-31), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 2 Nzeri 2020

Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Kanama 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 31, ku bupimiro bwa Rubengera, Kamembe, na Bugarama mu ntara y'Uburengerezaba, Nyamagabe mu ntara y'Amajyepfo ndetse no ku bupimiro bwa Ngoma mu ntara y'Uburasirazuba niho haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi, ahasigaye mu gihugu habonetse imvura nke ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi ishize. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Rubengera mu karere ka Karongi hapimwe milimetero 33.5. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwo mu Mujyi wa Kigali hapimwe imvura iri munsi ya milimetero 1 ndetse no ku bupimiro bwa Kawangire mu karere ka Kayonza. Intara y'Uburengerazuba niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi Ntara.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya gatatu cya Kanama, igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 21.7 muri Musanze na Gicumbi ndetse na dogere Selisiyusi 33.3°C muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 10.6°C muri Musanze ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Musanze na 18.8°C ku bupimiro bwa Bugarama.



Ishusho 1: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Kanama 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Kanama 2020. Muri iki gice cya gatatu imvura yapimwe yari nke mu bice byinshi by'igihugu. Imvura ingana na milimetero 33.5 yapimwe ku bupimiro bwa Rubengera ikaba ari nayo yari nyinshi, naho iyabaye nke yari munsi ya milimetero 1, ikaba yarabonetse mu mu Mujyi wa Kigali naho ku bupimiro bwa Kawangire mu karere ka Kayonza nta mvura yahaguye.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mugice cya gatatu cya Kanama 2020 muri mm

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Kanama

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Kanama.Ubusanzwe igice cya gatatu cya Kanama kigusha imvura iri hagati ya milimetero 14.3 na 35.9; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nke cyane mu gihugu hose uretse ku bupimiro bwo mu ntara y'Uburengerazuba ndetse no mu turere twa Nyamabage na Ngoma aho yaguye ari nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa muri ayo matariki.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Kanama

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kwa Kanama 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri iki gice iminsi myinshi yabaye itanu ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kamembe, naho iminsi ine iboneka ku bupimiro bwa Byimana. Uko bigaragara ahenshi mugihugu imvura yaguye hagati y'iminsi itatu n'umunsi umwe (3-1) n'ubwo mu mujyi wa Kigali ndetse no ku bupimiro bwa Kawangire nta mvura yahaguye.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cya Kanama 2020 bwiyongereyeho gake bitewe n'ubwiyongere bw'ibicu mu kirere ndetse n'imvura nke yabonetse.Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongeraho mu gice cya mbere cya Nzeri bitewe n'uko ibihe by'imvura bizatangira kwiyongera.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi.

Mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21.7 na 28.3 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 32.1.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 10.6^0C (Musanze) na Dogere Selisiyusi 18.8^0C mu Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha utundi duce tw'igihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Nzeri (tariki 01-10) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Nzeri (hagati y'italiki ya 1 n'iya 10) mu Rwanda hateganyijwe kugwa imvura iri hagati ya milimetero 0 na 60mm. Mu misozi y'ibirunga ihererey mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Musanze na Burera, mu gice cy'amajyaruguru cya Gakenke, Rulindo na Gicumbi, mu gice cy'uburengerazuba bwa Nyagatare n'igice cyo hagati n'uburengerazuba cya Nyamasheke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60. Igice gisigaye cy'Intara y'Uburengerazuba, mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru, ahasigaye mu turere twa Gakenke, Rulindo na Gicumbi no mu gice cyo hagati cya Nyagatare hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Ahasigaye mu ntara y'Amajyepfo, Umujyi wa Kigali wose n'igice kinini cy'Intara y'Uburasirazuba hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30 mu gihe igice cy'iburasirazuba bw'Intara y'Iburasirazuba hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 15.Imvura iteganyijwe kugwa taliki ya 1 Nzeri hamwe na hamwe mu gihugu no kuva taliki ya 7 Nzeri kugeza mu mpera ziyi minsi icumi. Imvura izaturuka ku isangano ry'imiyaga rigenda ryegera akarere u Rwanda ruherereyemo kandi ikazaba iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cya Nzeri, ahateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 ho hateganyijwe ko igihembwe cy'ihinga kizaba gitangiye.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya mbere cya Nzeri 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ko turimo gusatira igihembwe cy'ihinga A, gitangira muri Nzeri kugeza mu Ukuboza, abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.